**TUMENYE BIBILIA**
**IKIGANIRO NO 0033**

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y'Imana nabane nawe. kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Mu kiganiro cy'ubuhize twabonye ko igice cya 25 ari igice gikomeye muri Bibiliya. Kivuga ku rupfu rwa Aburahamu, no kuvuka kw'impanga za Isaka na Rebeka ari zo : Esawu na Yakobo. Turabona igisekuru cya Ishimayeli n'icya Isaka. Iki gice kirangirana n'ubuzima bwa Aburahamu, ariko inkuru ye irangirira mu gice cya 23, ubwo yari atumye umugaragu we gushaka umugeni wa Isaka.

Nyuma y'urupfu rwa Sara, Aburahamu yagize umuryango munini. Hari abashobora kwibaza ikibazo bati "igihe cyo kuvuka kwa Isaka Aburahamu yari ashaje cyane kuburyo atashoboraga kubyara abandi bana". Nibyo yari ashaje, ariko iyo Imana yasinye ibintu biraba ntawugomba gusninyura cyangwa ngo yitambike ku byo yavuze ku muntu, aha turabona ko kutabaye ukubyara Isaka gusa ahubwo yagize umuryango w'abana benshi.

Ikintu cy'ingenzi hano ni Medan na Midiyani, simbitindandaho cyane, ariko Midiyani we dufite icyo duhuriyeho.Tuzabona uko Musa yagiye gukura umugore mu ba Midiyani. Icyo tubona hano ni uko hari abandi bahungu ba Aburahamu, ariko Imana yaravuze ngo ukurumbuka kwa Aburahamu kwazanywe na Isaka, ntabwo ari muri aba bahungu bandi, ntabwo ari Ishimayeli, cyangwa Midiyani abo bari abagenzi bo mu butayu. Ishimayeli yaje gufatanya na Isaka gushyingura Aburahamu kuko yari se wabo bombi. Isaka ahita ajya gutura ahantu yahuriye na Rebeka ubwa mbere.

Ubushize kandi twabonye ko ukutumvikana kw'aba bahungu byatangiye bataranavuka. Bigaragaza ibiri kuri iyi si ya none. Hari ukutumvikana hagati y'Umwijima n'umucyo, Umwuka wera na Satani, ibi Pawulo arabitubwira mu gice cya karindwi yandikiye Abaroma. Rebeka ntiyigeze yumva ibiri kumubaho, bituma yibaza ati"kubera iki jye?"

Uyu munsi rero nk'uko nabikwemereye ndashaka ko dutangira igice cya 26, igice kivuga ahanini ku byaranze ubuzima bwa Isaka.

**ISOMO*:* Imana yongera gusezeranya Isaka, Isaka yanga kwemera Rebeka, Isaka muri Gerari, Isaka I Berisheba.**

Umuvugabutumwe umwe yigeze kuvuga ngo: "Igihe nari nkiri muto mu byo kwigisha Ijambo ry'Imana, iki gice nticyari gifite icyo kimbwira sinakitagaho". Ariko ni ukuri ndakubwiza ukuri ko iki gice cya 26 ari icyo kwitaho by'umwihariko nyuma yo kumva iby'inkuru z'umugabo nka Aburahamu na Yakobo, ariko iki gice kiribanda kuri Isaka. Ibyo yakoraga kwari ugucukura amariba, kugeza no mu myaka ye y'ubusaza. Naje kubona ko Imana ifite ubutumwa ishaka kutumenyesha muri iki gice; ni ubutumwa bw'ingenzi cyane, na Pawulo yarabyanditse

ati"Ibyanditswe kera byose, byandikiwe kutwigisha, kugira ngo kwihangana no guhumurizwa bitangwa nabyo,biduheshe ibyiringiro" (Rom. 15:4). Iki gice kiratwigisha ku kwihangana kandi hari benshi muri twe bakeneye iyi mbuto yo kwihangana gusa iki sicyo cyonyine Imana idushakaho gusa. Imana yari ifite abantu nka Aburahamu, Yakobo na Dawidi babayeho mu buzima bw'intambara. Ariko ubuzima bwa Isaka bufite ubutumwa bukomeye kuri twebwe.

**Ibyanditswe byose byahumetswe n'Imana, kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye, no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka.**

**Kugirango umuntu w'Imana abe ashyitse, afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose. (2 Tim. 3:16–17**).

Isaka yari afite isezerano, ariko yaje kugwa mu cyaha cyo kutizera nk'uko Se yabikoze. Nyuma turabona ko yari asigaye acukura amariba ku butaka bwa Gerari, ibi si byiza rwose, ariko hano hari ubutumwa bwacu.

**Imana isubira gusezeranya Isaka**

**Indi nzara itera muri icyo gihugu,itari iyateraga mbere Aburahamu akiriho. Isaka ajya I Gerari kwa Abimeleki, umwami w'Abafilisitiya [Itang. 26:1].**

Iyi ni inzara ya kabiri nyuma ya yayindi yo mu minsi Aburahamu na Loti bavaga muri Egiputa.

**Uwiteka aramubonekera aramubwira ati"Ntumanuke ngo ujye muri Egiputa, uzature mu gihugu nzakubwira" [Itang. 26:2].**

**Kubera iki Imana** yamubwiye gutyo? Ibi bitwereka ko byamugendekeye nka se. Ibyaha Aburahamu yakoze byakurikiranye umwana we, umwana yakoze ibyaha byinshi kurenza ibyo se yakoze ariko hari icyabaye. None Imana imuhaye amabwiriza kandi ni mugihe cy'Inzara.

**Suhukira muri iki gihugu nanjye nzabana nawe, nguhe umugisha kuko wowe n'urubyaro rwawe nzabaha ibi bihugu byose, kandi nzakomeza indahiro narahiye Aburahamu so.**

**Kandi nzagwiza urubyaro rwawe ruhwane n'inyenyeri zo mu ijuru, kandi nzaha urubyaro rwawe ibi bihugu byose. Kandi mu rubyaro rwawe nimo amahanga yose yo mu isi azaherwamo umugisha.**

Imana ibwira Isaka iti "ntuve kuri ubu butaka ngo werekeze muri Egiputa". Ndashaka gusohoza isezerano nagiranye na so Aburahamu. Isubiramo amasezerano atatu"(icyambere) ubutaka nzaha urubyaro rwawe ibi bihugu byose, (icya kabiri) kororoka "nzagwiza urubyaro rwawe rungane n'inyenyeri zo ku ijuru"(icya gatatu) imigisha" kandi amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha mu rubyaro rwawe"

**Kuko Aburahamu yanyumviraga akitondera ibyo namwihanangirije n'ibyo nategetse, n'amategeko yanjye nandikishije n'ayo navuze. [Itang. 26:5].**

Dufite inyandiko uyu munsi zihamya ukuri kw'abakristo. Igihe kimwe hari umugore waje asanga umuvugabutumwa Dr Mc Gee aho yari maze aramubwira ati jyewe mfite ukwizera ariko ndashidikanya kuko nta kintu mbona gikoreka mu buzima bwanjye ni ukuvuga ko hari ibyo uyu

mugore yari ategereje ariko ntabibone. Iyo wizeye Imana ugendera ku masezerano yayo. Ntushobora kumbwira uti nagushyiriye amafaranga kuri Konti i Kigali, ngo nirirwe umunsi wose ntagiye kuyakuraho. Nshuti yanjye ndakubwiza ukuri ko nahita ngenda kuyafata. Ukwizera ni icyo ugenderaho. Aburahamu yizeye Imana nayo imuha umucyo. Imana irashaka ko Isaka nawe yizera gutyo.

## Isaka yanga kuvuga Rebeka uwo ariwe

**Isaka atura i Gerari. [Itang. 26:6].**

Gerari ni mu majyepfo. Isaka na Aburahamu bari batuye mu majyepfo y'ubwo butaka. Kandi Aburahamu yigeze kwimukira mu majyaruguru ariko biza kurangira abaye mu majyepfo mu gice cy'i Hebroni.

**Abantu baho bamubaza iby'umugore we, arabasubiza ati "ni mushiki wanjye" Kuko yatinye kuvuga ngo ni umugore wanjye, Ati "Abantu b'aha boye kunyica bampora Rebeka", kuko yari umunyagikundiro. [Itang. 26:7].**

Isaka akoze icyaha gisa nicyo se yakoze, abwira Rebeka ati nibakubaza ubabwire ko uri mushiki wanjye utari umugore wanjye,icyo atandukaniyeho na Aburahamu ni uko we yabeshye igice, ariko Isaka we arabeshye byuzuye.

**Amazeyo igihe kirekire Abimeleki umwami w'Abafilisitiya, arungurukira mu idirishya abona Isaka akinisha umugore we. [Itang. 26:8].**

Ndakeka ko bari bariho bakina ndetse banaseka**.**

**Abimeleki ahamagaza Isaka aramubwira ati "Biragaragara ko ari Umugore wawe, ko wavuze uti ni mushiki wanjye'?"**

**Isaka aramusubiza ati"ni uko nibwiraga nti'boye kunyica bamumpora'."**

**Abimeleki aramubaza ati "Ibyo watugize ibyo ni ibiki?" byashigajeho hato umwe mu bantu banjye akaryamana n'umugore wawe, ukadushyirishaho icyaha" [Itang. 26:9–10].**

Abimeleki ahita aba inshuti nziza cyane ya Isaka. Isaka agira icyubahiro aho yari atuye nk'icyo Aburahamu yari afite. Bose bari abagabo b'intangarugero. Mbivuze aha kuko ntahandi bari butubwire ko Isaka yari intangarugero

## ISAKA MURI GERARI

**Isaka abiba muri icyo gihugu muri uwo mwaka yeza ibirutaho inshuro ijana. Uwiteka amuha umugisha. [Itang. 26:12].**

Nshuti yanjye urumva ko Imana yari iri kumwe nawe. iyi niyo migisha Imana yasezeranyije urubyaro rwa Aburahamu. Ni umugisha w'ubutaka Imana yarabibabwiye ubwo bari bamukurikiye. Iti ibigega byanyu bizahora byuzuye imbuto.

Ibuka ko twe ataribyo yadusezeranyije, ahubwo yadusezeranyije Mwuka wera, imigisha ya Mwuka wera. Twabwiwe ko duhawe umugisha wa Mwuka wera. Ariko iyo migisha iza ku buryo bumwe, kandi ni conditionel mu yandi magambo biterwa n'uko umuntu yubashye Imana, niba wemerera Mwuka wera ko aza, araza akuzuzemo iyo migisha. Aha turabona ko Isaka yahawe umugisha usendereye.

**Uwo mugabo aba umukire, agenda arushaho, ageza aho yabereye umukire cyane. [Itang. 26:13].**

Ntucikwe no kumva uburyo Isaka yahawe umugisha usendereye. Bamwe bashobora kuvuga ngo Aburahamu yari umugabo w'intangarugero ndetse na Yakobo. Bati Isaka ntiya riwe. Reka mbabwire ko Isaka yari intangarugero kuko ubuzima bwe busa neza n'ubwa se Aburahamu kuko Isaka yabaye uworoheje ubwo yajyanwaga gutambwa ku musozi Moriya. Isaka yari wenyine na se Aburahamu gusa, kandi no mu ivuka rya Isaka, Aburahamu yabibonyemo isomo rikomeye. Ibi rero byabayeho kugira ngo bitubere urugero. Byerekana ubucuti bukomeye hagati ya Yesu Kristo na Se. Yesu yaravuze ati "Nabanye namwe iminsi ingana ityo, kandi ntiwari wamenya, Filipo? Umbonye aba abonye Data. Ni iki gitumye uvuga uti twereke Data watwese?' (Yohana 14:9). Hanyuma mu isengesho rikomeye cyane rya Yesu aravuga ati "Nakubahishije mu isi, kuko narangije umurimo wampaye gukora" (Yohana 17:4). Arongera ati "Data arakora kugeza n'ubu nanjye ndakora (Yohana 5:17). Biragaragara neza ko inkuru ya Isaka na se Aburahamu bisa cyane n'inkuru ya Kristo n'Imana Data.

Ubu noneho turabona ko Isaka ubwe atakitwara neza, afite ugucika intege, arakora amakosa nk'ayo se yakoze, n'ubwo Ijambo ry'Imana ritubwira ko yari umuntu ukomeye kuri ubwo butaka.

**Yari afite imikumbi n'amashyo n'abagaragu benshi, atera Abafilisitiya ishyari [Itang. 26:14].**

**Abafilisitiya ntibihanganiraga ubu bukire bwose. Amariba yose abagaragu base bafukuye, Aburahamu se akiriho Abafilisitiya bayashibishije ibitaka [Itang.26:15].**

**Aburahamu yari yarafukuye amariba, amaze gupfa, yabaye ay'umuhungu we Isaka, ariko yagiye mu gitondo asanga yasibanganye, icyo cyari ikimenyetso cya mbere cy'urwango rw'Abafilisitiya. Kandi byarakomeje kugeza mu minsi ya Dawidi.**

**Abimeleki abwira Isaka ati « Genda utuvemo kuko uturuta cyane »**

Zirikana akamaro ka Isaka muri iki gihe.

**Isaka avayo, abamba amahema ye mu gikombe cy'I Gerari aturayo. [Itang. 26:17].**

Abimeleki yaramubwiye ati urimo uraduteza ibibazo, byaba byiza ugiye ukatuvamo, yaramwubahaga. Hari abibaza ko Isaka yagaragaje intege nke, ariko siko bimeze. Menya ko yaje gusubira ku butaka bwa se Aburahamu yahoze abamo.

**Isaka asibuza amariba yafukuye, Aburahamu se akiriho kuko Abafilisitiya bari bayasibye Aburahamu amaze gupfa ayita amazina se yayise.**

**Abagaragu ba Isaka bafukura muri ciyo gikombe, babonamo iriba ry'amazi adudubiza.**

**Abashumba b'I Gerari batonganira ayo mazi n'aba Isaka bati 'Ni ayacu" Isaka yita iryo riba Eseki, kuko bamugishje impaka. [Itang. 26:18–20].**

Ibi birerekana icyo amazi akora.

Amazi agereranywa n'Ijambo ry'Imana. Tugomba kuyanywa tugashira inyota, ni amazi atwuhagira. Yesu yaravuze ngo mwogejwe n'ijambo navuze.

Amazi ni ingenzi mu buzima, ntushobora kugira ubuzima utanywa amazi.

Ushobora kugenda mu butayu bwa Arizona, New Mexico, na Calfonia ukareba uko humagaye ni imboneka rimwe kuhabona ibara ry'icyatsi kibisi kigaragaza ko hari amazi. Nshuti yanjye, amazi ni ubuzima bw'abizera biga Ijambo ry'Imana.

**Bongera gufukura irindi riba, naryo bararitonganira aryita Sitina.**

**Avayo, afukuza irindi ryo ntibaritonganira aryita Rehoboti, aravuga ati « None Uwiteka adushyize ahagutse, natwe tuzororokera muri iki gihugu. [Itang. 26:21–22].**

Yaryise Rehoboti bisobanura ngo "hano hari icyumba cyacu cyagutse". Mbere yaho yacukuye iriba bararitwara, arimuka afukura irindi bararimutwara, ariko iri ryo ntawarikozeho. Yari kuguma yimuka. Biragaragara ko Isaka ari umugabo ufite ukwizera no kwihangana. Ndabikubwiye Dawidi ntiyari kubishobora. Simoni Petero ntiyari kubishobora, yewe nanjye **Parfait ukugezaho iki kiganiro ntabwo narikubishobora**. Kwihangana kwa Isaka ni isomo ryiza kuri twebwe. Ni iby'igitangaza iyo ubishyize mu kwiga Ijambo ry'Imana.

**GUSOZA**

**Urugendo rwa ISAKA AJYA I BERISHEBA**

"Avayo azamuka ajya I Berisheba", turubona ko Uwiteka yamubonekeye iryo joro aramubwira ati

**"Ndi Imana ya so Aburahamu, ntutinye kuko uri kumwe nanjye, kandi nzaguha umugisha ngwize urubyaro rwawe,ngirire umugaragu wanjye Aburahamu. [Itang. 26:23–24].**

Imana yaramwiyeretse ngo imukomeze. Imana yiyeretse abakurambere bose by'umwihariko Yozefu. Yiyeretse Aburahamu, Isaka, na Yakobo.

**Yubakayo igicaniro, yambaza izina ry'Uwiteka, abambayo ihema rye, kandi abagaragu ba Isaka bahafukura iriba. [Itang. 26:23–25].**

Arakomeza yubaka n'andi mariba.

**Maze Abimeleki ava I Gerari ajya aho ari na Ahuzati inshuti ye, na Fikoli umutware w'ingabo ze.**

**Isaka arababaza ati''Ni iki kibazanye aho ndi, kandi munyanga, mwaranyirukanye aho muri?''**

**Baramusubiza bati ''Twabonye neza ko Uwiteka ari kumwe nawe turavuga tuti' Dushyire indahiro yacu nawe, kandi dusezerane nawe'.**

**Yuko utazatugirira nabi nk'uko natwe tutakwakuye, ahubwo twakugiriye neza gusa, tugusezera amahoro, none uhiriwe ku Uwiteka''. [Itang. 26:26–29].**

N'ubwo Isaka yagaragaye nk'umunyantege nke mu mibanire n'abantu b'I Gerari, umwami waho yamwiyumvagamo amukurikira amusanga I Berisheba kugira ngo bagirane umubano mwiza. Isaka yabonye ko ubwo butaka butari ubw'umunyantege nke**.**

**Esawu amaze imyaka mirongo ine avutse arongora Yuditi mwene Beri Umuheti, na Basemati mwene Eloni,Umuheti.**

**Bababaza imitima ya Isaka na Rebeka. [Itang. 26:34–35].**

*Uwiteka Mana turagusabye kugira ngo ukomeze kuturindira muri iyi si, uturinde kwifatanya n'abanyamahanga, nk'uko umucyo udashobora kubana n'umwijima abe ariko natwe twirinda kwifatanya n'abakunda isi. Ndasengera kandi n'abakiri mu byaha ngo ubasange babaturwe, babarirwe mu mukumbi wawe. Mu izina ryawe Yesu amen!*

*Mu kiganiro gikurikira nzakubwira uburyo Yakobo yariganije mukuru we maze akamutwara umugisha!*

*Amahoro n'umugisha biva ku Mana Data n'Umwana wayo Yesu Kristo n'Umwuka Wera bibane nawe!*